RAPORO IHINNYE Y'INAMA YA MBERE Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

YO KUWA 28 KAMENA 2003

I. UMUSOGONGERO

Inama ya mbere y'Igihugu y'Umushyikirano yabereye i Kigali kuwa 28 Kamena 2003 mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko. Nk'uko ingingo ya 168 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 ibigena, iyo nama yatumijwe kandi iyoborwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,
Paul KAGAME.

Iyo nama yahuje abayobozi b'inzego zinyuranye za Leta, barimo: abantu batanu bahagarariye Inama Njyanama za buri Karere na buri Mujyi, abagize Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko, Abakuru b'Intara, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'abatumirwa ba Perezida wa Repubulika. Muri abo batumirwa harimo n'abahagarariye Imiryango itegamiye Leta
(Civil Society).

Intego nkuru y'Inama yari ugufasha inzego z'Igihugu zari zayiteraniyemo kungurana ibitekerezo ku bibazo binyuranye by'Igihugu nk'imiyoborere myiza, ubukungu, imibereho myiza y'Abanyarwanda, gusuzuma intambwe imaze guterwa mu Gihugu no kurebera hamwe aho tugana mu bihe biri imbere cyane cyane mu matora ateganyijwe.

Nyuma y'ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika rifungura inama kandi riha ikaze abayitabiriye, hakurikiyeho gutanga ibiganiro. Nyuma ya buri kiganiro, abari mu nama bunguranaga ibitekerezo hagafatwa n'umwanzuro.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku kiganiro cya nyuma, abahagarariye amashyirahamwe n'Imiryango itegamiye Leta bagejeje ku bitabiriye inama ubutumwa bwabo. Ubu butumwa bumaze gutangwa hasomwe imyanzuro rusange y'inama yashojwe n'ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME.
Inama ihumuje, abayitabiriye babonye akanya ko gusabana no kuramukanya.

Raporo irambuye y'Inama ya mbere y'Igihugu y'Umushyikirano yarateguwe iriho.

II. IBIGANIRO

2.0. Ibiganiro byose byatanzwe uko ari bine byari bifite insanganyamatsiko zikurikira:

- Ubuyobozi bw'ibanze mu gihe cy'amashyaka menshi (cyatanzwe na Minisitiri BAZIVAMO Christophe - MINALOC);
- Ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda mu mashyaka menshi (cyatanzwe na Visi Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge Bwana RUTAYISIRE Antoine);
- Uruhare rw'ubuyobozi mu matora yimirijwe imbere (cyatanzwe na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Bwana KARANGWA Chrysologue);
- Icyerekezo u Rwanda rwiyemeje mu iterambere ry'Igihugu (cyatanzwe na Minisitiri KABERUKA Donald - MINECOFIN).

2.1.Ubuyobozi bw'ibanze mu gihe cy'amashyaka menshi

Iki kiganiro cyashingiye ahanini ku bitekerezo bikuru bikurikira:

- Intego inzego z'ubuyobozi bw'ibanze , imitwe ya politike n'abanyapolitike bagomba guhurizaho no guhora bazirikana;
- Gushyira mu bikorwa ingamba z'imiyoborere myiza;
- Guhuza ibikorwa by' inzego z'ibanze ;
- Imikoranire y'inzego z'ibanze n'imitwe ya politike n'izindi nzego zigira uruhare mu burere mboneragihugu kuri demokarasi, amatora n'ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Uko inama zigira uruhare mu bwuzuzanye n'imikoranire y'inzego;
- Inama zikwiriye kwitabwaho by'umwihariko kuri buri rwego;
- Ubuyobozi bw'ibanze mu bihe by'amatora.

2.2. Ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda mu gihe cy'amashyaka menshi

Iki kiganiro cyashingiye ahanini ku bitekerezo bikurikira:

- Icyuho mu bumwe bw'Abanyarwanda.
- Kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Icyizere cy'ejo hazaza.

2.3. Uruhare rw'ubuyobozi mu matora yimirijwe imbere

Iki kiganiro cyashimangiye uruhare runini rw'Inzego z'ibanze mu gutegura amatora.

- Hagaragajwe uburyo Inzego z'ibanze zafashije bikomeye mu gutunganya itorwa ry'Itegeko Nshinga;

- By'umwihariko ikiganiro cyagaragaje uburyo Inzego z'ibanze zazafaha mu gutegura amalisiti y'abazatora, gukangurira abaturage uburenganzira bwabo, kubungabunga umutekano no gufasha gutunganya aha-zabera amatora.

2.4. Icyerekezo u Rwanda rwiyemeje mu iterambere ry'Igihugu.

Iki kiganiro cyari gishingiye ahanini ku bitekerezo bikurikira:

- Ibibazo by' u Rwanda mu rwego rwa politike n' urw'ubukungu;

- Icyerekezo cy'u Rwanda "vision 2020" n' icyo kigamije;

- Ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu rwego rwa politike, imibereho myiza n'ubukungu.

III. IMYANZURO RUSANGE

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku biganiro byari byatanzwe, abari mu nama bemeje imyanzuro rusange ikurikira:

1. Abayobozi bagomba kuba intangarugero mu gukorera kuri gahunda, kubahiriza no gukoresha neza igihe;
2. Hifujwe ko Abanyarwanda, cyane cyane abayobozi, bagomba kwiyubaha no kwihesha agaciro, kugira ishyaka, kugira ishema no kwanga umugayo ari byo bizabahesha ubwigenge busesuye;
3. Kurwanya byimazeyo gahunda zigamije kuryanisha , kujijisha no kubeshya abaturage;
4. Gupiganira ubutegetsi bigomba gukorwa mu mutuzo nta kurwana, nta kubuza amahwemo uwo mutavuga rumwe cyangwa mudahuje ishyaka;
5. Abayobozi bagomba gufata kimwe imitwe ya politike mu bwuzuzanye bwubaka bugamije imibereho myiza y'abaturage n'iterambere ry'Igihugu;
6. Mu mikoranire y'inzego, Umuyobozi agomba guha imitwe ya politike nk'izindi nzego umwanya wo kugira uruhare muri gahunda ziteganyijwe;
7. Abayobozi bagomba gukangurira no gufasha abaturage kurangiza inshingano z'umwenegihugu;
8. Guteza imbere ubukungu, twita ku bidukikije byo soko y'ubuzima bw'ibanze;
9. Guteza imbere ubuhinzi-bworozi bya kijyambere kugira ngo haboneke umusaruro mwinshi kandi mwiza ufite agaciro ku masoko mpuzamahanga;
10. Gutoza Abanyarwanda umurimo, ikoranabuhanga (ICT) n'u muco wo gufatanya hagati y'inzego zinyuranye mu guharanira amajyambere ya buri wese n'ay'Iguhugu muri rusange;
11. Gushishikariza abaturage gufata neza imihanda no kurwanya isuri batera ibiti;
12. Gushishikariza abaturage kugana inama ngishwanama ku misoro itangwa n'icyo itangirwa;
13. Guharanira ko ibyabaye mu Rwanda bitazongera kuba intandaro yo guhungabanya uburenganzira bw'Abanyarwanda; hagomba kubaho " balancing act".

IV. IMIGEREKA YA NGOMBWA

4.1. Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME, mu muhango wo gutangiza Inama ya mbere y'Igihugu y'Umushyikirano.

Nyakubahawa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko;
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Banyakubahwa Baminisitiri na Basekereteri ba Leta;
Banyakubahwa Badepite;
Banyakubahwa muhagarariye Ibihugu byanyu n'Imiryango Mpuzamahanga;
Bayobozi muhagarariye Inzego z'Ibanze;
Batumirwa mwese;
Banyarwanda;
Banyarwandakazi.

Ndabasuhuza mwese, kandi mbashimira kuba mwitabiriye muri benshi ubutumire bwo kuza muri iyi nama.

Duteraniye hano mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko kugira ngo twungurane ibitekerezo muri iyi nama ya mbere y'Igihugu y'Umushyikirano.

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga, Abanyarwanda twitoreye ku itariki ya 26 Gicurasi muri uyu mwaka, iyi nama ihuza Perezida wa Repubulika n'abantu batanu bahagarariye Inama Njyanama za buri Karere na buri Mujyi, bashyirwaho na bagenzi babo.
Ikaba kandi irimo abagize Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko, Abakuru b'Intara, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali n'abandi batumirwa na Perezida wa Repubulika.

Mu bibazo iyi nama igomba gusuzuma, harimo ibyerekeye uko Igihugu cyacu n'ubuyobozi bw'ibanze bimeze, ndetse n'ibyerekeye ubumwe bw'Abanyarwanda. Turaza gusuzuma kandi

uruhare rw'ubuyobozi mu itegurwa ry'amatora tuzajyamo mu minsi iza. Turanarebera hamwe icyerekezo u Rwanda rwiyemeje mu iterambere ry'Igihugu cyacu, by'umwihariko ibibazo y'ubukungu.

Ibi byose mu by'ukuri ni ibidufasha gushimangira umusingi tumaze imyaka icyenda twubaka.

Banyarwanda;
Banyarwandakazi.

Uko turi hano twese rero, muri iyi Nama y'Igihugu y'Umushyikirano, turi abayobozi mu nzego zinyuranye. Dufite inshingano iremereye yo kurengera inyungu z'abaturage n'Igihugu muri rusange , kugira ngo intambwe tumaze gutera itazasubira inyuma.

Umuyobozi agomba kwegera abaturage akamenya ibibazo bafite, akabafasha kubikemura, ntiyicare ngo ategereze ko bazabimutura.
Umuyobozi kandi agomba kurwanya akarengane, abaturage bakishimira kumugana, bityo akabafasha kuzamura imyumvire yabo, bagashobora kwisesengurira ibibazo,bashingiye ku kuri.

Iyo ngiye gusura abaturage mu Ntara zinyuranye, nkabona ya mirongo y'abantu bafite ibibazo bashaka kugeza kuri Perezida wa Repubulika, bigaragaza ko hakiri intege nkeya mu nzego z'ubuyobozi bw'ibanze.
Akenshi ibyo bibazo bishobora gukemurirwa muri izo nzego zegereye abaturage.

Ndagira kandi ngo mbonereho akanya, nibutse ko iyo tuvuga ubuyobozi, atari ubw'inzego za Leta gusa. Baba abikorera ku giti cyabo, yaba imiryango itegamiye kuri Leta nk'amadini, amashyirahamwe, bose bafite uruhare mu buyobozi no mu iterambere ry'Abanyarwanda. Twese dukorera abaturage bamwe. Nta baturage ba Leta, nta baturage ba Sosiyete Sivile, nta baturage ba " private sector" cyangwa " secteur privé". Bose ni abaturage b'u Rwanda: tugomba kubakorera twuzuzanya, ari Leta ari n'ibyo byiciro bindi

Kuzuzanya, gukorana, ntabwo byabuza ko bamwe babwira abandi ibitagenda neza kugira ngo bikosorwe. Ikitumvikana ni uko hari abanyamahanga bamwe, ndetse n'Abanyarwanda, bumva ko guhangana no gushyamirana ari cyo kimenyetso cy'ubuyobozi bufite demokarasi. Ntabwo ari byo rwose.

Banyarwanda;
Banyarwandakazi.

Nk'uko tubizi twese, Igihugu cyacu cyanyuze mu bibazo bikomeye, ku isonga ryabyo haba jenoside. Ni nayo mpamvu Abanyarwanda twese dukwiye kurwanya icyasubiza inyuma, cyangwa icyashaka gusenya ibyo tumaze kugeraho: ari umutekano, ari imibanire myiza y'Abanyarwanda, ari uruhare abaturage bamaze kugeraho mu miyoborere y'Igihugu, ari n'uburinganire bw'ibitsina byombi. Ariko kandi ntitwakwirengagiza inzitizi zikomeye, zikiriho tugomba guhangana na zo. Twavuga ubukene, ubujiji, indwara z'ibyorezo nka Sida, ibibazo binyuranye biri mu karere turimo n'ibindi. Ibisubizo cyangwa umuti w'izo nzitizi bizava mbere na mbere mu Banyarwanda ubwabo. Abanyarwanda ni bo bazateza imbere imibereho yabo.

Twibuke ko Igihugu cyacu kimaze imyaka amagana. Hari byinshi twavana mu mateka yacu ya kera: nko kugira ishyaka, ishema, kwanga umugayo, kwiyubaha no kwihesha agaciro.
Ubukene tuvuga ntibuzakizwa no guhora tuganya cyangwa dusabiriza. Buzamarwa no gukora kandi dukora neza, tugamije gutera imbere.
Ubuyobozi bugomba kugira uruhare runini mu iterambere ry'a-

baturage, guhera ku rwego rw'Akagari, urw'Umurenge., urw'Akarere n'urw'Intara kugeza ku rwego rw'Igihugu muri rusange. Indwara dufite twebwe abayobozi, ku nzego zinyuranye, ni ukwibwira ko umuti w'ibibazo uzava ahandi. Ibi ni ukwibeshya! Umuti nyawo uri mbere na mbere mu mbaraga zacu no mu bushake bwacu Abanyarwanda. Inkunga y'inshuti zacu izaza itwunganira.

Banyarwanda; Banyarwandakazi.

Ibihe tugiyemo by'amatora mu minsi iri imbere, ni ibyo gushakisha bwa buyobozi bwiza twahoze tuvuga. Iyi ni intambwe ishimishije tugiye kongera gutera mu nzira yo gushimangira demokarasi. Nta mpungenge dukwiye kugira, kubera ko Abanyarwanda bamaze kugaragaza ubushake n'ubushobozi bwo kwivana mu bibazo by'insobe.

Akamaro k'amatora ni ukurushanwa kugaragaza za gahunda zisobanutse, zigamije guteza imbere Igihugu n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.
Abazarusha abandi ibitekerezo byiza n'imigambi ihamye yubaka, ni bo Abanyarwanda bazihitiramo ngo babayobore mu myaka iri imbere.
Uwazana gahunda zigamije kuryanisha abaturage, ababeshya , abajijisha, mu by'ukuri ashakisha amajwi, cyangwa se uwaza agamije gusenya ibyo Abanyarwanda bamaze kwigereraho, nta mwanya yabona mu Rwanda rushyashya twubaka.

Ndagira ngo nsoze iri jambo mbifuriza inama nziza. Sinshidikanya ko tuza kugera ku myanzuro myiza, izadufasha gukomeza kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda, kongera ubukungu, tugamije imibereho myiza y'abaturarwanda.

Murakoze, mugire amahoro y'Imana.

4.2. Ijambo rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME, mu muhango wo gusoza Inama ya mbere y'Igihugu y'Umushyikirano.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko;
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Banyakubahwa Baminisitiri na Basekereteri ba Leta;
Banyakubahwa Badepite;
Banyakubahwa muhagarariye Ibihugu byanyu n'Imiryango Mpuzamahanga;
Bayobozi muhagarariye Inzego z'Ibanze;
Batumirwa mwese;
Banyarwanda;
Banyarwandakazi.

Ndagira ngo dusoze iyi Nama ya mbere y'Igihugu y'Umushyikirano tuzirikana ibitekerezo n'imigambi dukuyemo. Ariko mbere na mbere ndabanza gushimira abayitabiriye n'abagize uruhare bose mu kuyitegura ikaba yagenze neza.

Igitekerezo cy'ibanze cyagaragaye ni ukureba kure, ni ukugira icyerekezo Abanyarwanda baganishamo Igihugu cyabo. Twakwishimira ko iyo ntambwe tumaze kuyigeraho. Ndetse tumaze no kubaka umusingi cyangwa fondasiyo ikomeye. Mu by'ukuri ni yo twibanzeho muri iyi myaka icyenda turangije. Murabizi mwese , hari ibikorwa bifatika tumaze kugeraho ari byo bigize umusingi navugaga mu kanya.

Twaharaniye umutekano w'abantu n'ibintu, tuwugeraho, kandi dukomeje kuwubumbatira. Imiyoborere y'Igihugu cyacu yagiye inozwa ku nzego zose, n'ubwo hari ibibazo bimwe na bimwe biterwa n'intege nke mu bayobozi. Abaturage bagira uruhare, mu kwishyiriraho abayobozi, cyane cyane ku nzego z'ibanze.

Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yashyizeho za politike zihamye, zigamije guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza . Ibi bikorwa byose Abanyarwanda bakwiye kubyishimira, kuko babigizemo uruhare rukomeye.
Niba abanyamahanga bemera ko mu Rwanda tumaze gutera iyo ntambwe, natwe kandi tukaba tubona ibyiza byinshi tumaze kugeraho, tugomba kwiyemeza ko tutazatezuka ku cyerekezo twihitiyemo.

Bayobozi mwese muteraniye hano ku rwego urwo ari rwo rwose, nagira ngo mbibutse ko gahunda twihaye y'imyaka makumyabiri ari iyacu, kandi igamije kubaka u Rwanda rw'ejo.

Nkaba ngira ngo rero nsoze iri jambo nongera kubashimira mwese uburyo mwitabiriye iyi nama, n'ibitekerezo byiza byubaka twunguranye.
Ibyo bitekerezo byiza ntitugomba kubyihererana, ahubwo dufite inshingano yo kubigeza ku bo duhagarariye.

Nk'uko biteganyijwe kandi, iyi nama izajya iba buri mwaka kugira ngo turebere hamwe ibyakomeza guteza Igihugu cyacu imbere.

Nidukomeza uyu muco w'umushyikirano, tugakomeza kwigira hamwe ibibazo by'Igihugu cyacu, tukanakomeza kwigirira icyizere, ntidushidikanya, bizatugeza ku ntego nziza twihaye yo kuzamura imibereho myiza y'Abanyarwanda no gukomeza guhesha ishema Igihugu cyacu.

Murakoze, mugire amahoro y'Imana.